| <p>n'amategeko igihe yavukaga;</p> <p>2° kuba afite imyaka y'ubukure ku munsu w'ubusabe;</p> <p>3° kuba ari inyangamugayo kandi afite imyifatire myiza;</p> <p>4° kugira ubumenyi ku muco n'imigenzo nyarwanda no kubyubaha;</p> <p>5° kugira ubumenyi ku ndangagaciro mboneragihugu;</p> <p>6° kugira imibanire myiza n'abandi;</p> <p>7° kugira ubushobozi buhagije;</p> <p>8° kuba atahungabanya umutekano w'Igihugu.</p> | <p>time of his or her birth;</p> <p>2° to have the age of majority by the date of application;</p> <p>3° be a person of integrity and good conduct;</p> <p>4° to have knowledge and respect for Rwandan culture and traditions;</p> <p>5° to have knowledge of civic values;</p> <p>6° to demonstrate social integration;</p> <p>7° to have sufficient means;</p> <p>8° to not pose a threat to national security.</p> | <p>moment de sa naissance;</p> <p>2° avoir l'âge de la majorité le jour de la demande;</p> <p>3° être une personne intègre et de bonne conduite;</p> <p>4° avoir une connaissance et le respect de la culture et des traditions rwandaises;</p> <p>5° avoir une connaissance des valeurs civiques;</p> <p>6° témoigner d'une intégration sociale;</p> <p>7° disposer de moyens suffisants;</p> <p>8° ne pas constituer une menace pour la sécurité nationale.</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 10: Ibishingirwaho mu gutanga ubwenegihugu nyarwanda butangwa ku mwana watoraguwe</u></b></p> <p>Gutanga ubwenegihugu nyarwanda butangwa ku mwana watoraguwe bishingira kuri kimwe muri ibi bikurikira:</p> <p>1° kuba yatoraguwe ku butaka bw'u Rwanda;</p> <p>2° kuba yatoraguwe ahantu hatagira igihugu kihategeka;</p>   | <p><b><u>Article 10: Conditions for granting Rwandan nationality by acquisition to a foundling</u></b></p> <p>Granting Rwandan nationality by acquisition to a foundling is done upon one of the following conditions:</p> <p>1° to be found on the territory of Rwanda;</p> <p>2° to be found in an area that is not subject to the sovereignty of any State;</p>   | <p><b><u>Article 10: Conditions d'octroi de la nationalité rwandaise par acquisition à un enfant retrouvé</u></b></p> <p>L'octroi de la nationalité rwandaise par acquisition à un enfant retrouvé se fait sur base de l'une des conditions suivantes:</p> <p>1° être retrouvé sur le territoire du Rwanda;</p> <p>2° être retrouvé sur des lieux non soumis à la souveraineté d'aucun État ;</p>   |

|  |   |  |
|--|---|--|
| <p>3° kuba yatoraguwe mu bwato bufite icyapa kiranga igihugu cy'u Rwanda;</p> <p>4° kuba yatoraguwe mu ndege ifite icyapa kiranga igihugu cy'u Rwanda.</p> <p>Ibiteganywa mu gace ka 3<sup>0</sup> n'aka 4<sup>0</sup> tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo bikurikizwa gusa iyo kudaha umwana watoraguwe ubwenegihugu nyarwanda butangwa byatuma aba umuntu udafite ubwenegihugu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11: Ibishingirwaho mu gusaba ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku ishyingirwa</u></b></p> <p>Ibishingirwaho mu gusaba ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku ishyingirwa ni ibi bikurikira:</p> <p>1° kuba yarashyingiranywe n'Umunyarwanda mu buryo bwemewe n'amategeko;</p> <p>2° kuba amaze nibura imyaka itanu (5) aashingiwe ku muni w'ubusabe;</p> <p>3° kuba akibana n'uwo bashyingiranywe;</p> <p>4° kuba inyangamugayo kandi afite</p> | <p>3° to be found on board a Rwandan-registered vessel;</p> <p>4° to be found on board a Rwandan-registered aircraft.</p> <p>The provisions of item 3° and 4° of paragraph One of this Article only apply where refusal to grant Rwandan nationality by acquisition to the foundling would result in him or her being stateless.</p> <p><b><u>Article 11: Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on grounds of marriage</u></b></p> <p>Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on grounds of marriage are the following:</p> <p>1° to be legally married to a Rwandan national;</p> <p>2° to have been married for at least five (5) years on the date of application;</p> <p>3° to still live in marital union with his or her spouse;</p> <p>4° to be a person of integrity and good</p> | <p>3° être retrouvé à bord d'un bateau d'immatriculation rwandaise;</p> <p>4° être retrouvé à bord d'un aéronef d'immatriculation rwandaise.</p> <p>Les dispositions des points 3° et 4° du premier alinéa du présent article sont uniquement applicables si le refus d'accorder la nationalité rwandaise par acquisition à l'enfant lui rendrait apatride.</p> <p><b><u>Article 11: Conditions de demande de nationalité rwandaise par acquisition sur base du mariage</u></b></p> <p>Les conditions de demande de nationalité rwandaise par acquisition sur base du mariage sont les suivantes:</p> <p>1° être légalement marié à un Rwandais;</p> <p>2° avoir été marié pendant au moins cinq (5) ans le jour de la demande;</p> <p>3° rester en union conjugale avec son conjoint;</p> <p>4° être une personne intègre et de bonne</p> |
|--|---|--|

|  |   |  |
|--|---|--|
| <p>imyifatire myiza;</p> <p>5° kugira ubumenyi ku muco n'imigenzo nyarwanda no kubyubaha;</p> <p>6° kugira ubumenyi ku ndangagaciro mboneragihugu;</p> <p>7° kugira imibanire myiza n'abandi;</p> <p>8° kuba atahungabanya umutekano w'Igihugu.</p>  | <p>conduct;</p> <p>5° to have knowledge and respect for Rwandan culture and traditions;</p> <p>6° to have knowledge of civic values;</p> <p>7° to demonstrate social integration;</p> <p>8° to not pose a threat to national security.</p>  | <p>conduite;</p> <p>5° avoir une connaissance et le respect de la culture et des traditions rwandaises;</p> <p>6° avoir une connaissance des valeurs civiques;</p> <p>7° témoigner d'une intégration sociale;</p> <p>8° ne pas constituer une menace pour la sécurité nationale.</p>   |
| <p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Ibishingirwaho mu guhabwa ubwenehugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku kubera umubyeyi umwana utabyaye</b></p> <p>Ibishingirwaho mu guhabwa ubwenehugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku kubera umubyeyi umwana utabyaye ni ibi bikurikira:</p> <p>1 ° kuba umwana w'umunyamahanga yaragizwe umwana n'Umunyarwanda utaramubyaye;</p> <p>2 ° kuba uwagizwe umwana n'utaramubyaye atahungabanya umutekano w'Igihugu.</p> | <p><b><u>Article 12:</u> Conditions for granting Rwandan nationality by acquisition on grounds of adoption</b></p> <p>Conditions for granting Rwandan nationality by acquisition on grounds of adoption are the following:</p> <p>1 ° the adoption of a foreign child by a Rwandan;</p> <p>2 ° an adoptee is not a threat to national security.</p> | <p><b><u>Article 12:</u> Conditions d'octroi de la nationalité rwandaise par acquisition sur base de l'adoption</b></p> <p>Les conditions d'octroi de la nationalité rwandaise par acquisition sur base d'adoption sont les suivantes:</p> <p>1 ° l'adoption d'un enfant étranger par un Rwandais;</p> <p>2 ° l'adopté ne constitue pas une menace pour la sécurité nationale.</p> |

|   |  |   |
|---|--|---|
| <p><b><u>Ingingo ya 13: Ibishingirwaho mu gusaba ubwenehuguhugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku nyungu z'Igihugu</u></b></p> <p>Ibishingirwaho mu gusaba ubwenehuguhugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku nyungu z'Igihugu ni ibi bikurikira:</p> <p>1° kuba usaba igihugu kimufitemo inyungu;</p> <p>2° kuba hari inyandiko, urwego bireba rugenera urwego rufite ubwenehuguhugu nyarwanda mu nshingano, isobanura inyungu z'Igihugu zashingirwaho usaba ahabwa ubwenehuguhugu nyarwanda butangwa;</p> <p>3° kuba usaba atahungabanya umutekano w'Igihugu.</p> | <p><b><u>Article 13: Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on the grounds of national interest</u></b></p> <p>Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on national interest grounds are the following:</p> <p>1° existence of a national interest in connection with the applicant;</p> <p>2° existence of a document that the relevant organ addresses to the organ in charge of Rwandan nationality, describing the national interest that would justify granting Rwandan nationality by acquisition to the applicant.</p> <p>3° an applicant is not a threat to national security.</p> | <p><b><u>Article 13: Conditions de demande de la nationalité rwandaise par acquisition sur base de l'intérêt national</u></b></p> <p>Les conditions de demande de la nationalité rwandaise par acquisition sur base de l'intérêt national sont les suivantes :</p> <p>1° l'existence d'un intérêt national lié au demandeur;</p> <p>2° existence d'un document que l'organe concerné adresse à l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions et qui indique l'intérêt national qui justifierait l'octroi de la nationalité rwandaise par acquisition au demandeur.</p> <p>3° le demandeur ne constitue pas une menace pour la sécurité nationale.</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 14: Ibishingirwaho mu gusaba ubwenehuguhugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku bumenyi cyangwa ku mpano byihariye</u></b></p> <p>Ibishingirwaho mu gusaba ubwenehuguhugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku bumenyi cyangwa ku mpano byihariye ni ibi bikurikira:</p> <p>1° kuba usaba afite ubumenyi cyangwa impano byihariye bikenewe mu</p>  | <p><b><u>Article 14: Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on special skills or talent grounds</u></b></p> <p>Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on special skills or talent grounds are the following:</p> <p>1° the applicant possesses special skills or talent that are needed in Rwanda;</p>   | <p><b><u>Article 14: Conditions de demande de la nationalité rwandaise par acquisition sur base des compétences spéciales ou du talent spécial</u></b></p> <p>Les conditions de demande de la nationalité rwandaise par acquisition sur base des compétences spéciales ou du talent spécial sont les suivantes:</p> <p>1° le demandeur a des compétences spéciales ou un talent spécial</p>   |

|  |   |   |
|--|---|---|
| <p>Rwanda;</p> <p>2° kuba hari inyandiko, urwego bireba rugenera urwego rufite ubwenegihugu nyarwanda mu nshingano, isobanura uburyo ubumenyi cyangwa impano byihariye usaba afite bikenewe mu Rwanda bikaba byashingirwaho ahabwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa;</p> <p>3° kuba inyangamugayo kandi afite imyifatire myiza;</p> <p>4° kuba atahungabanya umutekano w'Igihugu.</p>   | <p>2° existence of a document that the relevant organ addresses to the organ in charge of Rwandan nationality, describing why the applicant's special skills or talent are needed in Rwanda and that this would justify granting Rwandan nationality by acquisition to the applicant;</p> <p>3° to be a person of integrity and good conduct;</p> <p>4° to not pose a threat to national security.</p>  | <p>recherchés au Rwanda ;</p> <p>2° existence d'un document que l'organe concerné adresse à l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions et qui indique comment les compétences spéciales ou le talent spécial du demandeur sont recherchés au Rwanda et que cela justifierait l'octroi de la nationalité rwandaise par acquisition ;</p> <p>3° être une personne intègre et de bonne conduite;</p> <p>4° ne pas constituer une menace pour la sécurité nationale.</p>                           |
| <p><b><u>Ingingo ya 15: Ibishingirwaho mu gusaba ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku ishoramari cyangwa ku bikorwa binini kandi birambye</u></b></p> <p>Ibishingirwaho mu gusaba ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku ishoramari cyangwa ku bikorwa binini kandi birambye ni ibi bikurikira :</p> <p>1° kugira ishoramari cyangwa ibikorwa binini kandi birambye mu Rwanda;</p> <p>2° inyandiko urwego bireba rugenera urwego rufite ubwenegihugu</p> | <p><b><u>Article 15: Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on grounds of substantial sustainable investment or activities</u></b></p> <p>Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on grounds of substantial and sustainable investment or activities are the following:</p> <p>1° to have substantial sustainable investment or activities in Rwanda;</p> <p>2° a document that a relevant organ addresses to the organ in charge of</p> | <p><b><u>Article 15: Conditions de demande de la nationalité rwandaise par acquisition sur base des investissements ou activités importants durables</u></b></p> <p>Les conditions de demande de la nationalité rwandaise par acquisition sur base d'investissements ou d'activités importantes durables sont les suivantes :</p> <p>1° entreprendre des investissements ou des activités durables importantes au Rwanda;</p> <p>2° un document que l'organe concerné adresse à l'organe ayant la nationalité</p> |

|  |  |  |
|--|--|--|
| <p>nyarwanda mu nshingano igaragaza ishoramari cyangwa ibikorwa binini kandi birambye by'usaba mu Rwanda bishobora gushingirwaho ahabwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa ;</p> <p>3° kuba inyangamugayo kandi afite imyifatire myiza;</p> <p>4° kuba atahungabanya umutekano w'Igihugu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 16: Ibishingirwaho mu gusaba ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku kuba mu Rwanda</u></b></p> <p>Ibishingirwaho mu gusaba ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku kuba mu Rwanda ni ibi bikurikira :</p> <p>1 ° kumara nibura imyaka cumi n'itanu (15) aba mu Rwanda kandi ari ku butaka bw'u Rwanda mu buryo bwemewe n'amategeko ku munsu w'ubusabe;</p> <p>2 ° kuba inyangamugayo kandi afite imyifatire myiza;</p> <p>3 ° kugira ubumenyi ku muco n'imigenzo nyarwanda no kubyubaha;</p> | <p>Rwandan nationality describing the applicant's substantial sustainable investment or activities in Rwanda that would justify granting Rwandan nationality by acquisition;</p> <p>3° to be a person of integrity and good conduct;</p> <p>4° to not pose a threat to national security.</p> <p><b><u>Article 16: Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on grounds of residence in Rwanda</u></b></p> <p>Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on grounds of residing in Rwanda are the following:</p> <p>1 ° to have legally resided and physically lived on the territory of Rwanda for at least fifteen (15) years on the date of application;</p> <p>2 ° to be a person of integrity and good conduct;</p> <p>3 ° to have knowledge and respect for Rwandan culture and traditions;</p> | <p>rwandaise dans ses attributions et qui indique des investissements ou des activités durables importantes du demandeur au Rwanda et qui constitueraient un motif de lui octroyer la nationalité rwandaise par acquisition;</p> <p>3° être une personne intègre et de bonne conduite;</p> <p>4° ne pas constituer une menace pour la sécurité nationale.</p> <p><b><u>Article 16: Conditions de demande de la nationalité rwandaise par acquisition sur base de résider au Rwanda</u></b></p> <p>Les conditions de demande de la nationalité rwandaise par acquisition sur base de résider au Rwanda sont les suivantes:</p> <p>1 ° avoir légalement résidé et physiquement habité sur le territoire du Rwanda pendant au moins quinze (15) ans au jour de la demande;</p> <p>2 ° être une personne intègre et de bonne conduite;</p> <p>3 ° avoir une connaissance et le respect de la culture et des traditions rwandaïses;</p> |
|--|--|--|

|  |   |  |
|--|---|--|
| <p>4° kugira ubumenyi ku ndangagaciro mboneragihugu;</p> <p>5° kugira imibanire myiza n’abandi mu muryango nyarwanda;</p> <p>6° kugira ubushobozi buhagije;</p> <p>7° kuba atahungabanya umutekano w’Igihugu.</p> <p>Uburyo imyaka ivugwa mu gace ka mbere k’igika cya mbere cy’iyi ngingo ibarwa bugenwa n’Urwego rufite ubwenegihugu nyarwanda mu nshingano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 17: Ibishingirwaho mu guhabwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro</u></b></p> <p>Ibishingirwaho mu guhabwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro ni kimwe muri ibi bikurikira:</p> <p>1° guha agaciro imyitwarire y’umwihariko y’umuntu;</p> <p>2° guha agaciro ibikorwa by’indashyikirwa by’umwihariko by’umuntu.</p> <p>3° indi mpamvu yagenwa.</p> | <p>4° to have knowledge of civic values;</p> <p>5° demonstrate good social relations within the Rwandan society;</p> <p>6° to have sufficient means;</p> <p>7° to not pose a threat to national security.</p> <p>The way of calculating the period referred to in item 1° of Paragraph One of this Article is determined by the organ in charge of Rwandan nationality.</p> <p><b><u>Article 17: Conditions for granting Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour</u></b></p> <p>Conditions for granting Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour are one of the following:</p> <p>1° recognition of one’s distinguished character;</p> <p>2° recognition of one’s distinguished achievements;</p> <p>3° such other condition as may be determined.</p> | <p>4° avoir une connaissance des valeurs civiques;</p> <p>5° démontrer de bonnes relations sociales dans la société rwandaise ;</p> <p>6° disposer de moyens suffisants;</p> <p>7° ne pas constituer une menace pour la sécurité nationale.</p> <p>La façon de calculer la période visée au point 1° de l’alinéa premier du présent article est déterminée par l’organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions.</p> <p><b><u>Article 17: Conditions d’octroi de la nationalité rwandaise par acquisition à titre d’honneur</u></b></p> <p>Les conditions d’octroi de la nationalité rwandaise par acquisition à titre d’honneur sont parmi les suivantes:</p> <p>1° la reconnaissance du caractère distingué d’une personne;</p> <p>2° la reconnaissance des réalisations distinguées d’une personne ;</p> <p>3° toute autre condition qui peut être déterminée.</p> |
|--|---|--|

|   |  |  |
|---|--|--|
| <p><b><u>Ingingo ya 18: Ibishingirwaho mu gusaba ubwenehugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku kuba umwimukira</u></b></p> <p>Ibishingirwaho mu gusaba ubwenehugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku kuba umwimukira ni ibi bikurikira:</p> <p>1° kuba yarimukiye mu Rwanda ku mpamvu z'imibereho, iza politiki cyangwa iz'ubukungu;</p> <p>2° kuba akomoka ku muntu wimukiye mu Rwanda ku mpamvu z'imibereho, iza politiki cyangwa iz'ubukungu;</p> <p>3° kuba amaze nibura imyaka makumyabiri n'itanu (25) aba mu Rwanda kandi ari ku butaka bw'u Rwanda no kuba ntaho agihuriye n'igihugu cye akomokamo;</p> <p>4° kuba inyangamugayo kandi afite imyifatire myiza;</p> <p>5° kugira ubumenyi ku muco n'imigenzo nyarwanda no kubyubaha;</p> <p>6° kugira ubumenyi ku ndangagaciro mboneragihugu;</p> <p>7° kugira imibanire myiza n'abandi;</p> | <p><b><u>Article 18: Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on grounds of being an immigrant</u></b></p> <p>Conditions for applying for Rwandan nationality by acquisition on grounds of being an immigrant are the following:</p> <p>1° to have immigrated to Rwanda for social, political or economic reasons;</p> <p>2° to be a descendent of a person who migrated to Rwanda for social, economic or political reasons;</p> <p>3° to have been residing and physically living on the territory of Rwanda at least for twenty-five (25) years and have lost connection to his or her country of origin;</p> <p>4° to be a person of integrity and good conduct;</p> <p>5° to have knowledge and respect for Rwandan culture and traditions;</p> <p>6° to have knowledge of civic values;</p> <p>7° to demonstrate social integration;</p> | <p><b><u>Article 18: Conditions de demande de nationalité rwandaise par acquisition sur base d'être un immigrant</u></b></p> <p>Les conditions de demande de nationalité rwandaise par acquisition sur base d'être un immigrant sont les suivantes:</p> <p>1° avoir immigré au Rwanda pour des raisons sociales, politiques ou économiques;</p> <p>2° être un descendant d'une personne qui a immigré au Rwanda pour des raisons sociales, économiques ou politiques;</p> <p>3° avoir résidé et physiquement habité sur le territoire du Rwanda au moins pendant vingt-cinq (25) ans et avoir perdu le lien avec son pays;</p> <p>4° être une personne intègre et de bonne conduite;</p> <p>5° avoir une connaissance et le respect de la culture et des traditions rwandaises;</p> <p>6° avoir une connaissance des valeurs civiques;</p> <p>7° démontrer une intégration sociale ;</p> |
|---|--|--|



|  |  |  |
|--|--|--|
| <p>8° kugira ubushobozi buhagije;</p> <p>9° kuba atahungabanya umutekano w'Igihugu.</p> <p>Uburyo imyaka ivugwa mu gace ka 3° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo ibarwa bugenwa n'Urwego rufite ubwenegihugu nyarwanda mu nshingano.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19: Ibishingirwaho mu gusaba cyangwa gusabirwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku kutagira ubwenegihugu</u></b></p> <p>Ibishingirwaho mu gusaba cyangwa gusabirwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku kutagira ubwenegihugu ni ibi bikurikira:</p> <p>1° kuba usaba cyangwa usabirwa adafite ubwenegihugu kandi ari ku butaka bw'u Rwanda ku muni w'ubusabe;</p> <p>2° kuba atahungabanya umutekano w'Igihugu.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20: Ubwenegihugu bushingiye ku guhabwa ubwenegihugu kw'ababyeyi</u></b></p> <p>Ahita aba umunyarwanda kimwe n'ababyeyi be, umwana wujuje ibi bikurikira:</p> | <p>8° to have sufficient means;</p> <p>9° to not pose a threat to national security.</p> <p>The way of calculating the period referred to in item 3° of Paragraph One of this Article is determined by the organ in charge of Rwandan nationality.</p> <p><b><u>Article 19: Conditions for personal or third-party application for Rwandan nationality by acquisition on grounds of statelessness</u></b></p> <p>Conditions for personal or third-party applying for Rwandan nationality by acquisition on grounds of statelessness are the following:</p> <p>1° the applicant or the beneficiary is stateless person on the territory of Rwanda on the date of application;</p> <p>2° to not pose a threat to national security.</p> <p><b><u>Article 20: Nationality arising from acquisition of nationality by parents</u></b></p> <p>A child meeting the following requirements becomes automatically Rwandan like his or her parents:</p> | <p>8° disposer de moyens suffisants ;</p> <p>9° ne pas constituer une menace pour la sécurité nationale.</p> <p>La façon de calculer la période visée au point 3° de l'alinéa premier du présent article est déterminée par l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions.</p> <p><b><u>Article 19: Conditions de demande pour soi ou pour autrui, de la nationalité rwandaise par acquisition sur base d'apatridie</u></b></p> <p>Les conditions de demande pour soi ou pour autrui, de la nationalité rwandaise par acquisition sur base d'apatridie sont les suivantes:</p> <p>1° le demandeur ou le bénéficiaire est un apatride se trouvant sur le territoire du Rwanda au jour de la demande;</p> <p>2° ne pas constituer une menace pour la sécurité nationale.</p> <p><b><u>Article 20: Nationalité résultant de l'acquisition de la nationalité par les parents</u></b></p> <p>Un enfant remplissant les conditions suivantes devient d'office rwandais a même titre que ses parents.</p> |
|--|--|--|

|  |  |  |
|--|--|--|
| <p>1° kuvuka ku mubyeyi wahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa cyangwa kuba yaragizwe umwana n'umubyeyi wahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa;</p> <p>2° kuba atarageza imyaka y'ubukure.</p> | <p>1° having born to a parent having been granted Rwandan nationality by acquisition, or having been adopted by a parent having been granted Rwandan nationality by acquisition;</p> <p>2° be under age of majority.</p> | <p>1° être né d'un parent ayant reçu la nationalité rwandaise par acquisition ou avoir été adopté par un parent ayant reçu la nationalité rwandaise par acquisition ;</p> <p>2° ne pas avoir atteint l'âge de la majorité.</p> |
| <p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Gutanga ubwenegihugu nyarwanda</b></p>  | <p><b><u>Section 2:</u> Granting Rwandan nationality</b></p>   | <p><b><u>Section 2:</u> Octroi de la nationalité rwandaise</b></p>   |
| <p><b><u>Akiciro ka mbere:</u> Gutanga ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko</b></p>  | <p><b><u>Subsection 2:</u> Granting Rwandan nationality by origin</b></p>  | <p><b><u>Sous-section 2:</u> Octroi de la nationalité rwandaise d'origine</b></p>  |
| <p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Ububasha bwo gutanga ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko</b></p>  | <p><b><u>Article 21:</u> Power to grant Rwandan nationality by origin</b></p>  | <p><b><u>Article 21:</u> Compétence d'octroi de la nationalité rwandaise d'origine</b></p>   |
| <p>Ububasha bwo gutanga ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko bufitwe n'urwego rufite ubwenegihugu nyarwanda mu nshingano.</p>  | <p>Power to grant Rwandan nationality by origin is vested in the organ in charge of Rwandan nationality.</p>   | <p>La compétence d'octroyer la nationalité rwandaise d'origine est confiée à l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions.</p>  |
| <p><b><u>Ingingo 22:</u> icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko</b></p>  | <p><b><u>Article 22:</u> Certificate of Rwandan nationality by origin</b></p>  | <p><b><u>Article 22:</u> Certificat de nationalité rwandaise d'origine</b></p>   |
| <p>Icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda gitangwa n'urwego rufite ubwenegihugu nyarwanda mu nshingano.</p>  | <p>The Certificate of Rwandan nationality is issued by the organ in charge of Rwandan nationality.</p>   | <p>Le certificat de nationalité rwandaise est délivré par l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions.</p>   |
| <p>Iteka rya Minisitiri rigena imiterere y'icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko, ibikigize, uburyo gikoze</p>  | <p>An order of the Minister determines the design of the Certificate of Rwandan nationality by origin, its content, its format</p>   | <p>Un arrêté du Ministre détermine la conception, le contenu, le format et les dimensions du certificat de la nationalité</p>  |

|  |  |  |
|--|--|--|
| <p>n'ibipimo byacyo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Kumenyesha umwanditsi w'irangamimerere itangwa ry'ubwenehugu no kwandika uwabuhawe</b></p> <p>Umukuru w'urwego rufite ubwenehugu nyarwanda mu nshingano amenyesha mu nyandiko umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwahawe ubwenehugu nyarwanda aba amakuru yerekeranye n'itangwa ry'ubwenehugu nyarwanda bw'inkomoko.</p> <p>Uwahawe ubwenehugu nyarwanda bw'inkomoko yandikwa n'umwanditsi w'irangamimerere mu bitabo by'irangamirere abanje kumugaragariza icyemezo cy'ubwenehugu yahawe n'urwego rufite ubwenehugu nyarwanda mu nshingano.</p> <p><b><u>Akicro ka 2:</u> Gutanga ubwenehugu nyarwanda butangwa</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 24:</u> Ububasha bwo gutanga ubwenehugu nyarwanda butangwa</b></p> <p>Ububasha bwo gutanga ubwenehugu nyarwanda butangwa bufitwe n'Inama y'Abaminisitiri.</p> <p>Icyakora, ububasha bwo gutanga</p> | <p>and its size.</p> <p><b><u>Article 23:</u> Notifying the civil registrar of the nationality granting and the registration of the grantee</b></p> <p>The head of the organ in charge of Rwandan nationality notifies in writing, the civil registrar whose jurisdiction covers the place of residence of the nationality grantee, of the information related to the granting of Rwandan nationality by origin.</p> <p>The grantee of the Rwandan nationality by origin is registered by the civil registrar in civil status registers upon presentation of his or her Certificate of nationality issued by the organ in charge of Rwandan nationality.</p> <p><b><u>Section 2:</u> Issuance of Rwandan nationality by acquisition</b></p> <p><b><u>Article 24:</u> Power to grant Rwandan nationality by acquisition</b></p> <p>The power to grant Rwandan nationality by acquisition is vested in Cabinet.</p> <p>However, the power to grant Rwandan</p> | <p>rwandaise d'origine.</p> <p><b><u>Article 23 :</u> Informer l'officier de l'état civil de l'octroi de la nationalité et l'enregistrement de son détenteur</b></p> <p>Le responsable de l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions notifie par écrit, l'officier de l'état civil dont la compétence couvre le lieu de résidence du bénéficiaire de la nationalité, les informations relatives à l'octroi de la nationalité rwandaise d'origine.</p> <p>Le bénéficiaire de la nationalité rwandaise d'origine est inscrit par l'officier de l'état civil dans les registres de l'état civil sur présentation de son certificat de nationalité délivré par l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions.</p> <p><b><u>Section 2:</u> Octroi de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p> <p><b><u>Article 24:</u> Pouvoir d'octroyer la nationalité rwandaise par acquisition</b></p> <p>Le pouvoir d'octroyer la nationalité rwandaise par acquisition appartient au Conseil des Ministres.</p> <p>Toutefois, le pouvoir d'octroyer la nationalité</p> |
|--|--|--|

|  |   |   |
|--|---|---|
| <p>ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro bufitwe na Perezida wa Repubulika.</p>  | <p>nationality by acquisition on grounds of honour is vested in the President of the Republic.</p>  | <p>rwandaise par acquisition à titre d'honneur appartient au Président de la République.</p>  |
| <p><b><u>Ingingo ya 25:</u> Gutangaza uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa n'uburyo bikorwa</b></p>   | <p><b><u>Article 25:</u> Procedure for publication of a grantee of Rwandan nationality by acquisition</b></p>   | <p><b><u>Article 25:</u> Procédure de publication du bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p>   |
| <p>Uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. icyakora, ibijyanye no gutangaza uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro bigenwa na Perezida wa Repubulika.</p>  | <p>The grantee of Rwandan nationality by acquisition is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. However, terms for publication of a grantee of the Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour are determined by the President of the Republic.</p>  | <p>Le bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition est publié au Journal Officiel de la République du Rwanda. Toutefois, les modalités de publication du bénéficiaire de la nationalité rwandaise à titre d'honneur sont déterminées par le Président de la République.</p>   |
| <p>Iteka rya Minisitiri rigena ibikubiye mu myirondoro y'uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa bitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. icyakora, ibikubiye mu myirondoro y'uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro bitangazwa bigenwa na Perezida wa Repubulika.</p> | <p>An Order of the Minister determines identification details of the grantee of the Rwandan nationality by acquisition to be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. However, details of the grantee of the Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour to be published are determined by the President of the Republic.</p> | <p>Un arrêté du Ministre détermine les éléments de l'identité du détenteur de la nationalité rwandaise par acquisition à publier au Journal Officiel de la République du Rwanda. Toutefois les éléments de l'identité du détenteur de la nationalité rwandaise à titre d'honneur à publier sont déterminés par le Président de la République.</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 26:</u> Indahiro y'umuntu uhawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa n'uko yakirwa</b></p>  | <p><b><u>Article 26:</u> Oath of a grantee of the Rwandan nationality by acquisition and administration of the oath</b></p>   | <p><b><u>Article 26:</u> Serment du bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition et réception du serment</b></p>  |
| <p>Mbere yo guhabwa icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda butangwa, umuntu uhawe ubwenegihugu nyarwanda</p>   | <p>Before being issued with a certificate of Rwandan nationality by acquisition, a person granted Rwandan nationality by acquisition,</p>   | <p>Avant l'obtention du certificat de nationalité rwandaise par acquisition, le bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition, à</p>   |

*Official Gazette n° Special of 28/07/2021*

|  |  |  |
|--|--|--|
| <p>butangwa, uretse umwana utarageza ku myaka y'ubukure, arahira muri aya magambo:</p> <p>« Jyewe, ....., ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:</p> <p>1° ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;</p> <p>2° ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;</p> <p>3° ko nzakunda igihugu;</p> <p>4° ko nzaba inyangamugayo;</p> <p>5° ko nzabumbatira indangagaciro nyarwanda.</p> <p>Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.</p> <p>Imana ibimfashemo. »</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena umuyobozi ufite ububasha bwo kwakira indahiro y'umuntu uhawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa n'uburyo kwakira iyo ndahiro bikorwa.</p> <p>Ibyerekeye indahiro y'umuntu wahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa</p> | <p>except for a person under the age of majority, swears an oath as follows:</p> <p>“I, ....., do solemnly swear that I will:</p> <p>1° remain loyal to the Republic of Rwanda;</p> <p>2° abide by the Constitution and other Laws;</p> <p>3° be patriotic;</p> <p>4° be a person of integrity;</p> <p>5° uphold Rwandan values.</p> <p>Should I fail to honour this oath, may I be subjected to the rigours of the Law.</p> <p>So help me God.”</p> <p>An Order of the Minister determines the competent authority to administer the oath to a person granted Rwandan nationality by acquisition and the procedure for administering the oath.</p> <p>The modalities of oath for the grantee of Rwandan nationality by acquisition on</p> | <p>l'exception de la personne n'ayant pas atteint l'âge de la majorité, prête serment en ces termes:</p> <p>« Moi, ....., je jure solennellement:</p> <p>1° de garder fidélité à la République du Rwanda ;</p> <p>2° d'observer la Constitution et les autres lois;</p> <p>3° d'être patriote;</p> <p>4° d'être une personne intègre;</p> <p>5° de sauvegarder les valeurs rwandaises;</p> <p>En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi.</p> <p>Que Dieu me vienne en aide ».</p> <p>Un arrêté du Ministre détermine l'autorité compétente pour la réception du serment d'une personne à qui la nationalité rwandaise par acquisition est octroyée et la procédure de réception de ce serment.</p> <p>Les modalités de serment pour le bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition sur</p> |
|--|--|--|

|   |   |   |
|---|---|---|
| <p>hashingiwe ku cyubahiro bigenwa na Perezida wa Repubulika.</p>   | <p>grounds of honour are determined by the President of the Republic.</p>   | <p>base de l'honneur sont déterminées par le Président de la République.</p>  |
| <p><b><u>Ingingo ya 27:</u> Gutanga icyemezo cy'ubwenehugu nyarwanda butangwa</b></p>   | <p><b><u>Article 27:</u> Issuance of a certificate of Rwandan nationality by acquisition</b></p>  | <p><b><u>Article 27:</u> Octroi du certificat de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p>   |
| <p>Urwego rufite ubwenehugu nyarwanda mu nshingano ruha umuntu wahawe ubwenehugu nyarwanda butangwa icyemezo cy'ubwenehugu nyarwanda butangwa. Icyo cyemezo agihabwa mu gihe kitarenze iminsi mironko itandatu (60) uherye ku muni yatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda ko ahawe ubwenehugu nyarwanda butangwa.</p> | <p>The organ in charge of Rwandan nationality issues a certificate of Rwandan nationality by acquisition to a person granted Rwandan nationality by acquisition. He or she is issued the certificate within a period not exceeding sixty (60) days from the day of the publication of granting of Rwandan nationality by acquisition in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> | <p>L'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions octroie le certificat de nationalité rwandaise par acquisition au bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition. Le certificat lui est délivré dans un délai ne dépassant pas soixante (60) jours à compter de la date de la publication de l'octroi de la nationalité rwandaise par acquisition dans le journal officiel de la République du Rwanda.</p> |
| <p>Iteka rya Minisitiri rigena imiterere y'icyemezo cy'ubwenehugu nyarwanda butangwa, ibikigize, uburyo gikoze n'ibipimo byacyo.</p>  | <p>An Order of the Minister determines the design, content, format and size of the certificate of Rwandan nationality by acquisition.</p>   | <p>Un arrêté du Ministre détermine la conception, le contenu, le format et les dimensions du certificat de la nationalité rwandaise par acquisition.</p>  |
| <p><b><u>Ingingo ya 28:</u> Kwiandikisha k'umuntu wahawe ubwenehugu nyarwanda butangwa</b></p>  | <p><b><u>Article 28:</u> Registration of a person granted Rwandan nationality by acquisition</b></p>  | <p><b><u>Article 28:</u> Enregistrement du bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p>   |
| <p>Umuntu wahawe ubwenehugu nyarwanda butangwa, yiyandikisha mu biro by'umwanditsi w'irangamimerere mu gihe giteganywa n'amategeko.</p>   | <p>A person granted Rwandan nationality by acquisition registers with the office of the civil registrar within the period prescribed by the Law.</p>  | <p>Le bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition se fait enregistrer auprès du bureau de l'officier de l'état civil dans le délai prescrit par la loi.</p>  |
| <p>Umuntu wahawe ubwenehugu nyarwanda butangwa yiyandikisha mu biro by'umwanditsi w'irangamimerere by'aho aba</p>   | <p>A person granted Rwandan nationality by acquisition registers with the office of the civil registrar nearby his or her residence or at</p>   | <p>Le bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition se fait enregistrer auprès du bureau de l'officier de l'état civil de son lieu</p>   |

|   |  |   |
|---|--|---|
| <p>cyangwa ku biro by'uhagarariye u Rwanda mu mahanga biri hafi y'aho abarizwa, abanje kugaragaza icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda butangwa.</p>  | <p>the diplomatic mission of Rwanda nearest to his or her residence upon presentation of the certificate of Rwandan nationality by acquisition.</p>                | <p>de résidence ou à la mission diplomatique du Rwanda la plus proche de sa résidence sur présentation du certificat de nationalité rwandaise par acquisition.</p>  |
| <p><b><u>Ingingo ya 29:</u> Uburenganzira n'inshingano by'uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa</b></p>   | <p><b><u>Article 29:</u> Rights and obligations of a holder of Rwandan nationality by acquisition</b></p>  | <p><b><u>Article 29:</u> Droits et devoirs du bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p>  |
| <p>Uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa agira uburenganzira n'inshingano nk'iby'Umunyarwanda ufite ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko, keretse iyo amategeko abiteganyanya ukundi.</p> | <p>A holder of Rwandan nationality by acquisition has the same rights and obligations as a Rwandan national by origin, unless otherwise provided for by Law.</p>   | <p>Le bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition a les mêmes droits et devoirs que ceux d'un Rwandais titulaire de la nationalité rwandaise d'origine, sauf s'il en est prévu autrement par la loi.</p> |
| <p>Icyakora, uburenganzira n'inshingano by'uwahawe ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro bigenwa na Perezida wa Repubulika.</p>   | <p>However, the rights and obligations of a holder of Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour are determined by the President of the Republic.</p> | <p>Toutefois, les droits et devoirs du bénéficiaire de la nationalité rwandaise par acquisition à titre d'honneur sont déterminés par le Président de la République.</p>  |
| <p><b><u>UMUTWE WA III: KWAMBURWA, KUREKA NO GUSUBIRANA UBWENEGIHUGU NYARWANDA</u></b></p>  | <p><b><u>CHAPTER III: REVOCATION, RENUNCIATION AND RECOVERY OF RWANDAN NATIONALITY</u></b></p>   | <p><b><u>CHAPITRE III: RÉVOCATION, RENONCIATION ET RECOUVREMENT DE LA NATIONALITÉ RWANDAISE</u></b></p>   |
| <p><b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa</b></p>  | <p><b><u>Section One:</u> Revocation of Rwandan nationality by acquisition</b></p>   | <p><b><u>Section première :</u> Révocation de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p>  |
| <p><b><u>Ingingo ya 30:</u> Kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa</b></p>   | <p><b><u>Article 30:</u> Revocation of Rwandan nationality by acquisition</b></p>  | <p><b><u>Article 30:</u> Révocation de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p>   |
| <p>Ubwenegihugu nyarwanda butangwa bushobora kwamburwa kubera imwe mu</p>   | <p>Rwandan nationality by acquisition may be revoked on any of the following grounds:</p>  | <p>La nationalité rwandaise par acquisition peut être révoquée pour l'un des motifs suivants:</p>   |

|   |   |   |
|---|---|---|
| <p>mpamvu zikurikira :</p> <p>1° iyo uwabuhawe yabubonye akoresheje amakuru atari yo, inyandiko ihinduye cyangwa irimo ikinyoma, cyangwa akoresheje ubundi buriganya ubwo ari bwo bwose;</p> <p>2° iyo uwabuhawe yasabye ubwenegihugu nyarwanda butangwa agambiriye kugambanira Repubulika y'u Rwanda;</p> <p>3° iyo imyitwarire y'uwabuhawe ihungabanya umutekano w'Igihugu cyangwa ibangamiye izindi nyungu z'Igihugu;</p> <p>4° iyo yabuhawe hashingiwe ku ishyingirwa, nyuma urwego rufite ubwenegihugu nyarwanda mu nshingano rukamenya ko ishyingiranwa ryabaye hagambiriwe kubona cyangwa gufasha umuntu kubona ubwenegihugu nyarwanda;</p> <p>Icyakora, kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa ntibyemewe iyo bishobora gutuma ubwamburwa aba umuntu udafite ubwenegihugu.</p> | <p>1° if the holder acquired it through fraud, false statements, falsified or erroneous documents, or any other fraudulent act;</p> <p>2° if the holder applied for Rwandan nationality by acquisition with the intention of committing treason against the Republic of Rwanda;</p> <p>3° if the holder's behaviour threatens national security or other national interests;</p> <p>4° for a person granted Rwandan nationality by acquisition on grounds of marriage, if the organ in charge of Rwandan nationality establishes that the marriage was concluded in order to acquire or to facilitate the person to acquire Rwandan nationality.</p> <p>However, the revocation of Rwandan nationality by acquisition is not allowed where it may result into its holder being stateless.</p> | <p>1° lorsque le titulaire l'a acquise par fraude, fausse déclaration, documents falsifiés ou erronés, ou par tout autre acte frauduleux;</p> <p>2° lorsque le titulaire a demandé la nationalité rwandaise par acquisition avec l'intention de commettre une trahison contre la République du Rwanda;</p> <p>3° lorsque le comportement du titulaire menace la sécurité nationale ou d'autres intérêts nationaux;</p> <p>4° pour une personne à qui la nationalité rwandaise par acquisition a été octroyée sur base du mariage, et que dans la suite l'organe ayant la nationalité dans ses attributions établit que le mariage a été conclu pour acquérir ou faciliter la personne à acquérir la nationalité rwandaise.</p> <p>Toutefois, la révocation de la nationalité rwandaise par acquisition n'est pas autorisée lorsqu'elle peut conduire son titulaire à l'apatridie.</p> |
|---|---|---|



|   |  |   |
|---|--|---|
| <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa. icyakora, uburyo bwo kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro bugenwa na Perezida wa Repubulika.</p>        | <p>An Order of the Minister determines the procedure for revoking Rwandan nationality by acquisition. However, the modalities for revocation of the Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour are determined by the President of the Republic.</p> | <p>Un arrêté du Ministre détermine la procédure de révocation de la nationalité rwandaise par acquisition. Toutefois, les modalités de révocation de la nationalité rwandaise par acquisition à titre d'honneur sont déterminées par le Président de la République.</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 31:</u> Ingaruka zo kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa</b></p>   | <p><b><u>Article 31:</u> Effect of revocation of Rwandan nationality by acquisition</b></p>  | <p><b><u>Article 31:</u> Effets de la révocation de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p>  |
| <p>Umuntu wambuwe ubwenegihugu nyarwanda butangwa ntashobora kongera kubusubirana. icyakora, umuntu wambuwe ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro ashobora kubusubirana.</p>                            | <p>A person whose Rwandan nationality by acquisition has been revoked cannot recover it. However, a person whose Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour has been revoked may recover it.</p>  | <p>Une personne dont la nationalité rwandaise par acquisition a été révoquée ne peut pas la recouvrer. Toutefois, une personne dont la nationalité rwandaise par acquisition à titre d'honneur a été révoquée peut la recouvrer.</p>                                    |
| <p>Ingaruka zo kwamburwa umuntu ubwenegihugu nyarwanda butangwa zigera no ku bo yishingiye. icyakora ingaruka zo kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro zigenwa na Perezida wa Repubulika.</p> | <p>The effect of revocation of Rwandan nationality by acquisition is extended to dependents. However, the effect of revocation of the Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour is determined by the President of the Republic.</p>                | <p>L'effet de la révocation de la nationalité rwandaise par acquisition s'étend sur des personnes à charge. Toutefois, l'effet de la révocation de la nationalité rwandaise par acquisition à titre d'honneur est déterminé par le Président de la République.</p>      |
| <p><b><u>Ingingo ya 32:</u> Ububasha bwo kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa</b></p>  | <p><b><u>Article 32:</u> Power of revocation of Rwandan nationality by acquisition</b></p>   | <p><b><u>Article 32:</u> Pouvoir de la révocation de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p>   |
| <p>Inama y'Abaminisitiri, yamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa uwabuhawe.</p>   | <p>The Cabinet revokes Rwandan nationality by acquisition from the holder.</p>   | <p>Le Conseil des Ministres retire la nationalité rwandaise par acquisition de son titulaire.</p>   |
| <p>Ububasha bwo kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku</p>   | <p>The power of revocation of Rwandan nationality by acquisition on grounds of</p>   | <p>Le pouvoir de révocation de la nationalité rwandaise par acquisition à titre d'honneur</p>   |

|   |  |   |
|---|--|---|
| <p>cyubahiro bufitwe na Perezida wa Repubulika.</p> <p>Uwambuwe ubwenegihugu nyarwanda butangwa uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 33: Ibimenyeshwa umwanditsi w'irangamimerere</u></b></p> <p>Urwego rufite ubwenegihugu nyarwanda mu nshingano rumenyeshwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho umuntu wambuwe ubwenegihugu nyarwanda butangwa atuye amakuru ajyanye n'iyamburwa ry'ubwenegihugu nyarwanda butangwa mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) uherye ku muni uwambuwe ubwenegihugu nyarwanda butangwa yatangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 2: Kureka ubwenegihugu nyarwanda</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 34: Gusaba kureka ubwenegihugu nyarwanda</u></b></p> <p>Usaba kureka ubwenegihugu nyarwanda abisaba mu nyandiko urwego rufite ubwenegihugu nyarwanda mu nshingano.</p> | <p>honour is vested in the President of the Republic.</p> <p>The person referred to under Paragraph One of this Article whose Rwandan nationality by acquisition was revoked is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p><b><u>Article 33: Declarations made to the civil registrar</u></b></p> <p>The organ in charge of Rwandan nationality provides the civil registrar of the residence of a person whose Rwandan nationality by acquisition has been revoked with information regarding revocation of Rwandan nationality by acquisition, within thirty (30) days from the date of publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda of the person whose Rwandan nationality by acquisition was revoked.</p> <p><b><u>Section 2: Renunciation of Rwandan nationality</u></b></p> <p><b><u>Article 34: Application for renunciation of Rwandan nationality</u></b></p> <p>An applicant for renunciation of Rwandan nationality submits his or her application in writing to the organ in charge of Rwandan nationality.</p> | <p>appartient au Président de la République.</p> <p>La personne visée à l'alinéa premier du présent article dont la nationalité rwandaise par acquisition a été révoquée est publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p><b><u>Article 33: Déclarations faites à l'officier de l'état civil</u></b></p> <p>L'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions notifie à l'officier de l'état civil de la résidence d'une personne dont la nationalité rwandaise par acquisition a été révoquée des informations concernant la révocation de la nationalité rwandaise par acquisition, endéans trente (30) jours à compter de la date de publication au Journal Officiel de la République du Rwanda de la personne dont la nationalité rwandaise par acquisition a été révoquée.</p> <p><b><u>Section 2: Renonciation à la nationalité rwandaise</u></b></p> <p><b><u>Article 34: Demande de renonciation à la nationalité rwandaise</u></b></p> <p>Un demandeur de renonciation à la nationalité rwandaise présente sa demande par écrit à l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions.</p> |
|---|--|---|

|   |  |  |
|---|--|--|
| <p>Usaba kureka ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro abisaba mu nyandiko Perezida wa Repubulika.</p>                         | <p>The applicant for renunciation of Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour submits his or her application in writing to the President of the Republic.</p> | <p>Le demandeur de la renonciation à la nationalité rwandaise par acquisition à titre d'honneur présente sa demande par écrit au Président de la République.</p>                                     |
| <p>Usaba kureka ubwenegihugu nyarwanda agomba kuba afite imyaka y'ubukure.</p>  | <p>An applicant for renunciation of Rwandan nationality must be of the age of majority.</p>  | <p>Le demandeur de la renonciation à la nationalité rwandaise doit avoir l'âge de la majorité.</p>   |
| <p><b><u>Ingingo ya 35:</u> Kwemererwa kureka ubwenegihugu nyarwanda</b></p>  | <p><b><u>Article 35:</u> Approval of renunciation of Rwandan nationality</b></p>   | <p><b><u>Article 35 :</u> Approbation de la renonciation à la nationalité rwandaise</b></p>  |
| <p>Inama y'Abaminisitiri, ibisabwe n'urwego rufite ubwenegihugu nyarwanda mu nshingano, yemerera uwabisabye, kureka ubwenegihugu nyarwanda.</p> | <p>Cabinet, upon proposal by the organ in charge of Rwandan nationality, grants to the applicant approval of renunciation of Rwandan nationality.</p>                        | <p>Le Conseil des Ministres, sur proposition de l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions, accorde au demandeur l'approbation de la renonciation à la nationalité rwandaise.</p> |
| <p>Perezida wa Repubulika yemerera uwabisabye kureka ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro.</p>                               | <p>The President of the Republic grants to the applicant approval of renunciation of Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour.</p>                            | <p>Le Président de la République accorde au demandeur l'approbation de la renonciation à la nationalité rwandaise par acquisition à titre d'honneur.</p>   |
| <p>Icyakora, kureka ubwenegihugu nyarwanda ntibyemerwa iyo kubureka bishobora gutuma ubisabye aba impunzi cyangwa udafite ubwenegihugu.</p>     | <p>However, renunciation of Rwandan nationality is not approved if it may render the applicant a refugee or a stateless person.</p>  | <p>Toutefois, la renonciation à la nationalité rwandaise n'est pas approuvée si la renonciation à la nationalité rwandaise peut rendre le demandeur un réfugié ou un apatride.</p>                   |
| <p><b><u>Ingingo ya 36:</u> Ingaruka zo kureka ubwenegihugu nyarwanda</b></p>   | <p><b><u>Article 36:</u> Effect of renunciation of Rwandan nationality</b></p>   | <p><b><u>Article 36:</u> Effets de la renonciation à la nationalité rwandaise</b></p>  |
| <p>Kureka ubwenegihugu nyarwanda</p>  | <p>Renunciation of Rwandan nationality by</p>  | <p>La renonciation à la nationalité rwandaise</p>  |

|   |   |  |
|---|---|--|
| <p>bw'inkomoko bigira ingaruka gusa ku muntu waburetse.</p> <p>Kureka ubwenegihugu nyarwanda butangwa bigira ingaruka no ku mwana utaruzuzwa imyaka y'ubukure, iyo ababyeyi be bombi baretse ubwenegihugu nyarwanda butangwa.</p> <p><b><u>Icyiciro cya 3: Gusubirana ubwenegihugu nyarwanda</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 37: Isubirana ry'ubwenegihugu nyarwanda</u></b></p> <p>Ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko bushobora gusubiranywa nyuma yo kubureka.</p> <p>Uretse ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro, ubwenegihugu nyarwanda butangwa ntibusubiranwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 38: Ububasha bwo kwemeza isubirana ry'ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko</u></b></p> <p>Ububasha bwo kwemeza isubirana ry'ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko bufitwe n'Inama y'Abaminisitiri.</p> | <p>origin has effect only on the person who has renounced it.</p> <p>Renunciation of Rwandan nationality by acquisition has also effect on a child under the age of majority whose both parents renounced Rwandan nationality by acquisition.</p> <p><b><u>Section 3: Recovering Rwandan nationality</u></b></p> <p><b><u>Article 37: Recovery of Rwandan nationality</u></b></p> <p>Rwandan nationality by origin can be recovered following renunciation.</p> <p>Rwandan nationality by acquisition, except Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour, cannot be recovered.</p> <p><b><u>Article 38: Power to approve recovery of Rwandan nationality by origin</u></b></p> <p>The power to approve recovery of Rwandan nationality by origin is vested in Cabinet.</p> | <p>d'origine produit des effets seulement à la personne qui y a renoncé.</p> <p>La renonciation à la nationalité rwandaise par acquisition a également des effets sur un enfant qui n'a pas atteint l'âge de la majorité dont les deux parents ont renoncé à la nationalité rwandaise par acquisition.</p> <p><b><u>Section 3: Recouvrer la nationalité rwandaise</u></b></p> <p><b><u>Article 37: Recouvrement de la nationalité rwandaise</u></b></p> <p>La nationalité rwandaise par origine peut être recouvrée après sa renonciation.</p> <p>La nationalité rwandaise par acquisition, à l'exception de la nationalité rwandaise par acquisition sur base de l'honneur, ne peut pas être recouvrée.</p> <p><b><u>Article 38: Pouvoir d'approuver le recouvrement de la nationalité rwandaise par origine</u></b></p> <p>Le pouvoir d'approuver le recouvrement de la nationalité rwandaise par origine appartient au Conseil des Ministres.</p> |
|---|---|--|

|   |  |   |
|---|--|---|
| <p><b><u>Ingingo ya 39:</u> Ububasha bwo kwemeza isubirana ry'ubwenehugu nyarwanda hashingiwe ku cyubahiro</b></p> <p>Ububasha bwo kwemeza isubirana ry'ubwenehugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro bufitwe na Perezida wa Repubulika.</p> <p><b><u>UMUTWE WA IV: UBURYO BWO GUHABWA, KUREKA CYANGWA GUSUBIRANA UBWENEGIHUGU NYARWANDA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 40:</u> Uburyo bwo gusaba kureka cyangwa gusubirana ubwenehugu nyarwanda bw'inkomoko n'ibisabwa</b></p> <p>Usaba kureka cyangwa gusubirana ubwenehugu nyarwanda bw'inkomoko ashakiriza idosiye y'ubusabe bwe urwego rufite ubwenehugu nyarwanda mu nshingano kugira ngo ruyisuzume.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibisabwa mu gusaba kureka cyangwa gusubirana ubwenehugu nyarwanda bw'inkomoko.</p> | <p><b><u>Article 39:</u> Power to approve recovery of Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour</b></p> <p>The power to approve recovery of Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour is vested in the President of the Republic.</p> <p><b><u>CHAPTER IV: PROCEDURE FOR THE ACQUISITION, RENUNCIATION OR RECOVERY OF RWANDAN NATIONALITY</u></b></p> <p><b><u>Article 40:</u> Procedure and requirements for application for renunciation or recovery of Rwandan nationality by origin</b></p> <p>A person who applies for renunciation or recovery of Rwandan nationality by origin submits his or her application file to the organ in charge of Rwandan nationality for processing.</p> <p>An Order of the Minister determines the procedure and requirements to apply to renounce or recover Rwandan nationality by origin.</p> | <p><b><u>Article 39:</u> Pouvoir d'approuver le recouvrement de la nationalité rwandaise par acquisition pour des raisons d'honneur</b></p> <p>Le pouvoir d'approuver le recouvrement de la nationalité rwandaise par acquisition sur l'honneur appartient au Président de la République.</p> <p><b><u>CHAPITRE IV: PROCÉDURE D'ACQUISITION, DE RENONCIATION OU DE RECOUVREMENT DE LA NATIONALITÉ RWANDAISE</u></b></p> <p><b><u>Article 40:</u> Procédure et conditions requises pour la demande de renonciation ou de recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine</b></p> <p>Une personne qui demande la renonciation ou le recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine dépose son dossier de demande à l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions pour traitement.</p> <p>Un arrêté du Ministre détermine la procédure et les conditions requises pour demander la renonciation ou le recouvrement de la nationalité rwandaise d'origine.</p> |
|---|--|---|

|   |   |  |
|---|---|--|
| <p><b><u>Ingingo ya 41:</u> Uburyo bwo gusaba, gusabirwa guhabwa cyangwa kureka ubwenegihugu nyarwanda butangwa n'ibisabwa</b></p>  | <p><b><u>Article 41:</u> Procedure and requirements for personal or third-party application for acquisition or renunciation of Rwandan nationality by acquisition</b></p>   | <p><b><u>Article 41:</u> Procédure et conditions requises pour la demande pour soi ou pour autrui, d'acquisition ou de renonciation de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p>  |
| <p>Umuntu usaba, usabirwa guhabwa cyangwa kureka ubwenegihugu nyarwanda butangwa ashyikiriza idosiye y'ubusabe bwe urwego rufite ubwenegihugu nyarwanda mu nshingano kugira ngo ruyisuzume.</p>   | <p>A person who applies or for whom the application is filed to acquire or renounce Rwandan nationality by acquisition submits his or her application file to the organ in charge of Rwandan nationality for processing.</p>  | <p>Une personne qui demande ou pour qui il est demandé l'acquisition ou la renonciation de la nationalité rwandaise par acquisition dépose son dossier de demande à l'organe ayant la nationalité rwandaise dans ses attributions pour traitement.</p>   |
| <p>Umuntu usaba kureka ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro ashyikiriza idosiye y'ubusabe bwe Perezida wa Repbulika.</p>   | <p>A person who applies to renounce Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour submits his or her application file to the President of the Republic.</p>   | <p>Une personne qui demande la renonciation de la nationalité rwandaise par acquisition à titre d'honneur dépose son dossier de demande auprès du Président de la République.</p>  |
| <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibisabwa mu gusaba, gusabirwa guhabwa cyangwa kureka ubwenegihugu nyarwanda butangwa. Icyakora, uburyo n'ibisabwa mu kureka ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro bigenwa na Perezida wa Repbulika.</p> | <p>An Order of the Minister determines the procedure and requirements to apply to acquire or renounce Rwandan nationality by acquisition. However, the procedure and requirements for renunciation of Rwandan nationality on grounds of honour are determined by the President of the Republic.</p> | <p>Un arrêté du Ministre détermine la procédure et les conditions requises pour demander l'acquisition ou la renonciation de la nationalité rwandaise par acquisition. Toutefois, la procédure et les conditions de renonciation de la nationalité rwandaise à titre d'honneur sont déterminées par le Président de la République.</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 42 :</u> Uburyo bwo gusubirana ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro</b></p>  | <p><b><u>Article 42:</u> Procedure for recovery of Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour</b></p>  | <p><b><u>Article 42 :</u> Procédure de recouvrement de la nationalité rwandaise par acquisition à titre d'honneur</b></p>  |
| <p>Uburyo bwo gusubirana ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro bugenwa na Perezida wa Repbulika.</p>  | <p>The procedure for recovery of Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour is determined by the President of the Republic.</p>  | <p>La procédure de recouvrement de la nationalité rwandaise par acquisition à titre d'honneur est déterminée par le Président de la République.</p>  |

|  |   |   |
|--|---|---|
| <p><b><u>Ingingo ya 43: Amafaranga atangwa ku busabe</u></b></p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena ingano y'amafaranga atangwa ku busabe buteganyijwe muri iri tegeko ngenga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 44: Ubusaze bw'idosiye isaba ubwenegihugu nyarwanda</u></b></p> <p>Idosiye isaba ubwenegihugu nyarwanda igira agaciro mu gihe cy'imyaka itatu (3) uhereye igihe yakiriwe.</p> <p>Iyo icyo gihe kirangiye, uwasabye ubwenegihugu nyarwanda yongera kubusaba bundi bushya mu gihe akibukeneye.</p> <p><b><u>UMUTWE WA V: UBWENEGIHUGU BURENZE BUMWE</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 45: Igisobanuro cy'ubwenegihugu burenze bumwe</u></b></p> <p>Ubwenegihugu burenze bumwe ni igihe umuntu aba afite icyarimwe, ubwenegihugu nyarwanda n'ubwenegihugu bw'ikindi gihugu kimwe cyangwa byinshi.</p> <p><b><u>Ingingo ya 46: Kumenyekanisha ubwenegihugu burenze bumwe</u></b></p> <p>Umunyarwanda ufite ubwenegihugu burenze</p> | <p><b><u>Article 43: Application fees</u></b></p> <p>An Order of the Minister determines the amount of fees to be paid for applications provided for by this Organic Law.</p> <p><b><u>Article 44: Prescription of an application file for Rwandan nationality</u></b></p> <p>An application file for Rwandan nationality remains valid for three (3) years from the date of receipt.</p> <p>At the expiration of this period, the applicant who still wants the Rwandan nationality, files a new application.</p> <p><b><u>CHAPTER V: DUAL NATIONALITY</u></b></p> <p><b><u>Article 45: Definition of dual nationality</u></b></p> <p>Dual nationality means a status in which a person concurrently holds Rwandan nationality and the nationality of one or multiple States.</p> <p><b><u>Article 46: Declaration of dual nationality</u></b></p> <p>A Rwandan national with dual nationality</p> | <p><b><u>Article 43: Frais de demande</u></b></p> <p>Un arrêté du Ministre détermine le montant des frais à payer pour les demandes prévues dans la présente loi organique.</p> <p><b><u>Article 44: Prescription d'un dossier de demande de nationalité rwandaise</u></b></p> <p>Un dossier de demande de nationalité rwandaise est valide pendant trois (3) ans à partir de la date de sa réception.</p> <p>À l'expiration de cette période, le demandeur qui a encore envie de la nationalité rwandaise introduit un nouveau dossier de demande.</p> <p><b><u>CHAPITRE V: DOUBLE NATIONALITÉ</u></b></p> <p><b><u>Article 45: Définition de la double nationalité</u></b></p> <p>La double nationalité désigne un état d'une personne qui, en même temps, possède la nationalité rwandaise et la nationalité d'un ou plusieurs États.</p> <p><b><u>Article 46: Déclaration de la double nationalité</u></b></p> <p>Un Rwandais possédant la double nationalité</p> |
|--|---|---|

|  |   |   |
|--|---|---|
| <p>bumwe abumenyekanisha mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye igihe yaboneye ubundi bwenegihugu.</p>  | <p>declares that dual nationality within three (3) months as of the date on which he or she acquired another nationality.</p>   | <p>déclare cette double nationalité endéans trois (3) mois à compter de la date d'acquisition d'une autre nationalité.</p>  |
| <p><b><u>Ingingo ya 47:</u> Uburyo imenyekanisha ry'ubwenegihugu burenze bumwe rikorwa</b></p>   | <p><b><u>Article 47:</u> Procedure for declaring dual nationality</b></p>   | <p><b><u>Article 47:</u> Procédure de faire la déclaration de la double nationalité</b></p>   |
| <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo imenyekanisha ry'ubwenegihugu burenze bumwe rikorwa.</p>   | <p>An Order of the Minister determines the procedure for declaring dual nationality.</p>  | <p>Un arrêté du Ministre détermine la procédure de faire la déclaration de la double nationalité.</p>   |
| <p><b><u>Ingingo ya 48:</u> Ubwenegihugu bwitabwaho mbere y'ubundi</b></p>   | <p><b><u>Article 48:</u> Precedence of nationality</b></p>  | <p><b><u>Article 48:</u> Priorité de nationalité</b></p>  |
| <p>Iyo Umunyarwanda afite ubwenegihugu burenze bumwe, ubwenegihugu nyarwanda ni bwo bwonyine bwitabwaho iyo hari amategeko y'u Rwanda agomba kubahirizwa.</p>  | <p>In case a Rwandan national holds dual nationality, only Rwandan nationality is considered in cases involving compliance with the Laws of Rwanda.</p>   | <p>Dans le cas où un Rwandais a une double nationalité, seule la nationalité rwandaise est considérée dans les cas impliquant le respect des lois du Rwanda.</p>  |
| <p>Umuntu ufite ubwenegihugu nyarwanda butangwa hashingiwe ku cyubahiro, kugena ubwenegihugu bwitabwaho mbere y'ubundi iyo hari amategeko y'u Rwanda agomba kubahirizwa bishingira ku burenganzira n'inshingano yemerewe abuhabwa.</p> | <p>For a holder of Rwandan nationality by acquisition on grounds of honour, determining precedence of nationality in cases involving compliance with Laws of Rwanda depends on the rights and obligations granted at the time of acquisition.</p> | <p>Pour le titulaire de la nationalité rwandaise par acquisition sur base de l'honneur, la détermination de la priorité de nationalité dans les cas impliquant le respect des lois du Rwanda dépend des droits et devoirs lui accordés lors de l'acquisition.</p> |
| <p><b><u>UMUTWE WA VI: IBYAHA N'IBIHANO</u></b></p>  | <p><b><u>CHAPTER VI: OFFENCES AND PENALTIES</u></b></p>   | <p><b><u>CHAPITRE VI: INFRACTIONS ET PEINES</u></b></p>   |
| <p><b><u>Ingingo ya 49:</u> Gutanga ku bw'uburiganya icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda butangwa</b></p>   | <p><b><u>Article 49:</u> Fraudulent issuance of a certificate of Rwandan nationality by acquisition</b></p>   | <p><b><u>Article 49:</u> Octroi frauduleux du certificat de la nationalité rwandaise par acquisition</b></p>  |
| <p>Umukozi w'urwego rufite ubwenegihugu</p>  | <p>An employee of the organ in charge of</p>  | <p>Un agent de l'organe ayant la nationalité</p>  |



|   |  |   |
|---|--|---|
| <p>nyarwanda mu nshingano ugira uruhare mu itangwa ry'icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda butangwa, mu buriganya, ku muntu utagikwiye aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu itari muni y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW).</p> <p><b><u>Ingingo ya 50: Kwihesha ku bw'uburiganya ubwenegihugu nyarwanda butangwa</u></b></p> <p>Umuntu wihesha ku bw'uburiganya ubwenegihugu nyarwanda butangwa, aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu itari muni y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).</p> | <p>Rwandan nationality who is involved in fraudulently granting a certificate of Rwandan nationality by acquisition to a person who is not entitled to it commits an offence.</p> <p>Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than seven (7) years but not more than ten (10) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) but not more than seven million Rwandan francs (FRW 7,000,000).</p> <p><b><u>Article 50: Fraudulent acquisition of Rwandan nationality by acquisition</u></b></p> <p>A person who fraudulently acquires Rwandan nationality by acquisition commits an offence.</p> <p>Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than five (5) years but not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan Francs (FRW 3,000,000) but not more than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000).</p> | <p>rwandaise dans ses attributions qui est impliqué dans l'octroi frauduleux d'un certificat de la nationalité rwandaïse par acquisition à une personne qui n'est pas éligible commet une infraction.</p> <p>Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas sept millions de francs rwandais (7.000.000 FRW).</p> <p><b><u>Article 50: Acquisition frauduleuse de la nationalité rwandaïse par acquisition</u></b></p> <p>Une personne qui acquiert frauduleusement la nationalité rwandaïse par acquisition commet une infraction.</p> <p>Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).</p> |
|---|--|---|

|   |  |   |
|---|--|---|
| <p><b><u>Ingingo ya 51:</u> Gukoresha inyandiko y’undi muntu mu kugaragaza ubwenegihugu nyarwanda</b></p> <p>Umuntu ukoresha inyandiko y’undi muntu mu kugaragaza ubwenegihugu nyarwanda, agamije kwerekana ko afite ubwenegihugu nyarwanda kandi ntabwo afite, aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igihano cy’igifungo kitari muni y’imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n’ihazabu itari muni y’amafaranga y’u Rwanda miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).</p>   | <p><b><u>Article 51:</u> Use of a document belonging to another person to prove Rwandan nationality</b></p> <p>A person who uses a document belonging to another person to prove Rwandan nationality, with the intention of proving Rwandan nationality while he or she does not hold any, commits an offence.</p> <p>Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than five (5) years but not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) but not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).</p> | <p><b><u>Article 51:</u> Utilisation d’un document appartenant à une autre personne pour prouver la nationalité rwandaise</b></p> <p>Une personne qui utilise un document appartenant à une autre personne pour prouver la nationalité rwandaise, avec l’intention de faire croire qu’elle est titulaire de la nationalité rwandaise alors qu’elle ne l’est pas, commet une infraction.</p> <p>Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’une peine d’emprisonnement d’au moins cinq (5) ans mais n’excédant pas sept (7) ans et d’une amende d’au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n’excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 52:</u> Gutiza, gukodesha, kugurisha no kugura inyandiko igaragaza ubwenegihugu nyarwanda</b></p> <p>Umuntu utiza, ukodesha, ugurisha cyangwa ugura inyandiko igaragaza ubwenegihugu nyarwanda hagambiriwe kugaragaza ubwenegihugu nyarwanda, aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igihano cy’igifungo kitari muni y’imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n’ihazabu itari muni y’amafaranga y’u Rwanda miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).</p> | <p><b><u>Article 52:</u> Lending, leasing, selling and buying a document proving Rwandan nationality</b></p> <p>A person who lends, leases, sells or buys a document proving Rwandan nationality with the intention of proving Rwandan nationality, commits an offence.</p> <p>Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than five (5) years but not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) but not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).</p>  | <p><b><u>Article 52:</u> Prêter, faire louer, vendre et acheter un document qui prouve la nationalité rwandaise</b></p> <p>Une personne qui prête, fait louer, vend ou achète un document qui prouve la nationalité rwandaise avec l’intention de prouver la nationalité rwandaise, commet une infraction.</p> <p>Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’une peine d’emprisonnement d’au moins cinq (5) ans mais n’excédant pas sept (7) ans et d’une amende d’au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n’excédant pas cinq millions de francs</p>  |

|   |  |  |
|---|--|--|
| <p><b><u>Ingingo ya 53:</u> Gufasha umuntu kubona ku bw'uburiganya ubwenegihugu nyarwanda</b></p> <p>Umuntu :</p> <p>1° utanga amakuru y'ibinyoma agamije guhesha undi muntu ubwenegihugu nyarwanda;</p> <p>2° ufasha undi muntu, mu buryo ubwo ari bwo bwose, kubona ku bw'uburiganya ubwenegihugu nyarwanda;</p> <p>aba akoze icyaha.</p> <p>Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itanu (5) ariko kitarengeje imyaka irindwi (7) n'ihazabu itari muni y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).</p> <p><b><u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 54:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga</b></p> <p>Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> | <p><b><u>Article 53:</u> Assisting a person to fraudulently acquire Rwandan nationality</b></p> <p>A person who:</p> <p>1° provides false information with the aim to assist another person to acquire Rwandan nationality;</p> <p>2° assists another person, in any way whatsoever, to fraudulently acquire Rwandan nationality;</p> <p>commits an offense.</p> <p>Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than five (5) years but not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) but not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).</p> <p><b><u>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 54:</u> Drafting, consideration and adoption of this Organic Law</b></p> <p>This Organic Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> | <p>rwandais (5.000.000 FRW).</p> <p><b><u>Article 53:</u> Aider une personne à acquérir frauduleusement la nationalité rwandaise</b></p> <p>Une personne qui:</p> <p>1° fournit une fausse information dans le but d'aider une autre personne à acquérir la nationalité rwandaise ;</p> <p>2° aide une autre personne, par n'importe quel moyen, à acquérir frauduleusement la nationalité rwandaise ;</p> <p>commet une infraction.</p> <p>Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).</p> <p><b><u>CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 54:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi organique</b></p> <p>La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> |
|---|--|--|

|   |   |   |
|---|---|---|
| <p><b><u>Ingingo ya 55:</u> Ivanwaho ry’itegeko ngenga n’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko ngenga</b></p> <p>Itegeko Ngenga n° 30/2008 ryo ku wa 25/07/2008 ryerekeye ubwenegihugu nyarwanda n’izindi ngingo zose z’amategeko abanziriza iri tegeko ngenga kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 56:</u> Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa</b></p> <p>Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p> | <p><b><u>Article 55:</u> Repealing provision</b></p> <p>Organic Law n° 30/2008 of 25/07/2008 relating to Rwandan nationality and all other prior provisions contrary to this Organic Law are repealed.</p> <p><b><u>Article 56:</u> Commencement</b></p> <p>This Organic Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> | <p><b><u>Article 55:</u> Disposition abrogatoire</b></p> <p>La Loi Organique n° 30/2008 du 25/07/2008 portant code de la nationalité rwandaise et toutes les autres dispositions antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 56:</u> Entrée en vigueur</b></p> <p>La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> |
|---|---|---|

Kigali, 16/07/2021

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux